# 65: Yesu n'ibyishimo byanjye

1. Yesu n'ibyishimo byanjye Ku ko yuzuy' urukundo. Ashobora gukomeza Umunyantege nke wese.Amp'ubushizicbw'amanga Amp' imbaraga zikwiye. Naho nanyura mu rupfu, Yesu n'Umwungeri wanjye.

2. Umugozi w'urukundo Ni wo Yes' amboheshheje. Nta bwo n'urupfu rwabasha Kuntandukanya na Yesu.Nemeye yukw antegeka Nzamwumvira muri byose. Yankijije kubw' ubuntu Nazinutsw' ibyaha byose!

3. Mbumbatiwe n'Umukiza Mu ma boko y'urukundo. Urwo rukundo rw'ankunda. Simfit' uko naruvuga.Ni we wampay' imbaraga, Zifash' umutima wanjye. Yes' ubu ni w' unyobora Mu rugendo rwanjye rwose.

Visit us at indirimbo.com